Kigali, kuwa 28 Nzeri 2020

Imvura iteganyijwe mu kwezi kwa Ukwakira 2020

Mu kwezi ku Ukwakira 2020, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 160mm. Imvura iri hagati ya milimetero 120 na 160 iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba naho mu ntara y'Amajyaruguru niy'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 140 ariko mu burengerazuba bw'akarere ka Burera no mu karere ka Musanze two mu ntara y'Amajyaruguru n'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe mu ntara y'Amajyepfo imvura iteganyijwe izagera kuri milimetero 160 naho mu gice cy'iburasirazuba bw'uturere twa Nyanza, Ruhango na Kamonyi mu ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na milimetero 100. Mu ntara y'Iburasirazuba no mu Mujyi wa Kigali hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na milimetero 100.

Imvura iteganyijwe mu Ukwakira 2020 ikaba iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu kwezi k'Ukwakira ahenshi mu gihugu. Imvura izagwa neza mu bice bitatu bigize ukwezi ikazaterwa ahanini n'ihuriro ry'imiyaga rihererereye mu gice u Rwanda ruherereyemo, hiyongereyeho ikiyaga cya Victoria, ishyamba rya Congo ndetse n'imitere yaho.